



Icyiciro cya Utah aho ibyago byo kwandura biri hasi

Bivuze iki kandi wakora iki?



Kwimuka tujya mu muhondo

Imbaraga Utah iri gushyira mu kugabanya ikwirakwira rya COVID-19 ziri kugera ku ntego. Kubona uburyo bushya bwo gusubiza ibintu mu buryo ntibizaba mu kanya nk'ako guhumbya, nko kuzimya itara, bizaba neza nko guhindura urushinge rw'isaha.


Komeza gukurikiza amabwiriza atangwa n'abashinzwe ubuzima agabanya ibyago byo kwandura (umuhondo) kugira ngo urushinge rw'isaha rukomeze kugenda kandi rwe gusubira inyuma

Abantu bafite ibyago byinshi byo kwandura bafite amabwiriza ntayegayezwa abagenga kuko bafite ibyago byo kurwara indwara ya COVID-19.

Amabwiriza rusange:



Guhura n'abandi mu matsinda y'abantu 50 ariko ugasiga intera hagati yawe n'abandi.



Kutegera abandi ahantu hahurira abantu benshi.



Kwambara agapfukamunwa mu gihe kwirinda kwegerana bigoye.



Kugenzura ibimenyetso mbere y'amarushanwa y'umupira cyangwa imyitoto.



Byitezwe ko amashuri ya K-12 yongera gufungura mu mwaka w'amashuri wa 2020/2021.



Za pisine zafunguye nazo ariko kwirinda kwegerana bikubahirizwa.



Intera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'abagize urugo ahabereye ibikorwa runaka n'imyidagaduro.



Guhana intera hagati y'amatsinda y'abagize urugo, gahunda z'inama nyinshi ku bahura ari umubare muto no gukoresha interineti igihe babihisemo.



Amabwiriza rusange ku bucruzi:



Ibikorwa by'ubucruzi byose byafunguye ariko hagomba gufatwa ingamba zikwiye zo kwirinda.



Resitora zongeye gufungura ariko kwirinda kwegerana n'ingamba z'isuku bigakurikizwa.



Gukangurira abantu gukora akazi mu masaha aboroheye, kubahiriza amabwiriza y'isuku, no gukomeza kwirinda kwegera abandi ku kazi.

Abantu bafite ibyago byinshi byo kwandura:

- Kwambara agapfukamunwa aho kwirinda kwegera abandi bigoranye
- Ighe cyose ukoze urugendo, koresha ingamba zabugenewe; irinde ahantu hari ibyago byinshi byo kwandura
- Gukorera mu rugo igihe bishoboka, byaba bidashoboka, ugasiga intera ya metero hafi 2
- Ighe habayeho gusura inshuti n'umuryango, ambara agapfukamunwa igihe uri mu ntera ya metero hafi 2
- Gabanya inshuro mubonana n'abandi bantu bafite ibyago byinshi byo kwandura, uretse abo mubana mu rugo cyangwa aho mutuye
- Kuganira mu matsinda y'abantu 20 cyangwa bake hanze y'urugo rwawe cyangwa y'aho utuye
- Kugabanya kujya mu bitaro no mu bigo byita ku basheshe akanguhe

Abana:

- Gusiga intera hagati y'abantu ahantu hahurira abantu benshi
- Abana bose bagaragaza ibimenyetso bagomba kuguma mu rugo bakitabwaho, kandi bazoherezwa mu rugo nibagira ibimenyetso bagaragaza
- Kugabanya guhura kw'abana ahahurira abantu benshi (urugero, ibikoresho byo mu kibuga)



Amabwiriza arambuye ku bantu ku gitи cyabo n'ibikorwa by'ubucruzi wayasanga kuri Coronavirus.Utah.gov

